

RWANDA / JUDGMENT

SONARWA Ltd v. SALEX CORPORATION Ltd

RCOMA 0050/12/CS

COURT

Supreme Court

DECIDED

13 June 2014

CASE / FILE NUMBER

RCOMA 0050/12/CS

Source: amategeko.gov.rw · Research copy typeset by Esheria. Not court-issued or certified.

SONARWA Ltd v. SALEX CORPORATION Ltd

- Source: Amategeko
- Section: Decisions (Judgements)
- Date: 2014-06-13
- Case/document no.: RCOMA 0050/12/CS
- Collection: Supreme Court

Text

Page 1

SONARWA Ltd v. SALEX CORPORATION Ltd [Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RCOMA 0050/12/CS (Mutashya, P.J., Rugabirwa na Gakwaya, J.) 13/06/2014] Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'ubucuruzi – Kuryozwa iyangirika n'ibura y'ibicuruzwa – Umugurisha ntiyaryozwa iyangirika cyangwa ibura ry'ibicuruzwa mu gihe atari umwikorezi keretse habaye andi masezerano yihariye – Kuba umugurisha yarafashe ubwishingizi kuva kuruganda kugera aho ibicuruzwa bipakirirwa, ntiyaryozwa iyangirika cyangwa ibura ryabyo mu gihe atari umwikorezi – Itegeko n° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 9,2°. Amategeko agenga amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa – Indishyi – Kuba umwishingizi yaratsinzwe mu rukiko rubanza, arajurira, byatumye haribyo umuguzi yatakaje birebana n'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka, ikaba igomba kubibonera indishyi zigenwe n'urukiko – Itegeko ryo kuwa 30/07/1888 rigenga amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa, ingingo ya 258. Incamake y'ikibazo: BRALIRWA Ltd yahaye SALEX CORPORATION Ltd isoko ryo kuyigurira isukari mu

gihugu cya Zambia ikayipakira ikayohereza i Gisenyi mu Rwanda. BRALIRWA ifatira iyo sukari ubwishingizi muri SONARWA. Mu gupakira iyo sukari BRALIRWA isanga harimo imifuka imwe n'imwe idahuye n'iyoyaguze kandi harimo n'iyacitse. Hakurikijwe amasezerano y'ubwishingizi impande zombi zagiranye, SONARWA yishyura imifuka y'isukari yangiritse, BRALIRWA nayo isaba SALEX yuko yayisubiza amafaranga yatanze, iyi imusubiza ivuga ko ntacyo yaryozwa kuko itari umwikorezi w'ibyo bicuruzwa. Ibi bituma sonarwa irega SALEX mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi isaba gusubizwa amafaranga yatanze yishyura imifuka y'isukari yacitse. Urukiko rwemeza ko ikirego cya SONARWA kitakiriwe kubera ko cyatanzwe mu buryo butemewe n'amategeko, runategeka sonarwa guha SALEX indishyi. SONARWA yajuririye mu Rukiko rw'Ikirenga ivuga ko umucamanza yifashishije ibyemezo by'inkiko zo mu mahanga n'inyandiko z'abahanga mu mategeko mu buryo butari bwo bigatuma yemeza ko SALEX ntacyo yaryozwa. SALEX yatanze ubujurire bwuririye ku bwa sonarwa isaba guhabwa indishyi kubera gushorwa mu manza ku maherere. SONARWA ivuga ko yatunguwe no kubona umucamanza avuga ko SALEX ntacyo yaryozwa mu gihe ibicuruzwa byarangije gupakirwa. Ikomeza ivuga ko abahanga mu mategeko bavugaga ko uburyozwe butava k'ugurisha iyo bigaragaye ko hari ibicuruzwa yatanze byangiritse cyangwa bidashobora gukoreshwa, ko kandi inshingano za salex zidaturuka ku kuba ari ugurisha, ahubwo zituruka ku kuba ari umwikorezi. SONARWA ikomeza ivuga ko BRALIRWA niyo yishyuye transport, ariko ibijyanye no kuyitunganya bikorwa na SALEX, kandi mu giciro haba harimo n'amafaranga y'ubwikorezi, ugurisha akaba ariwe ugomba gushaka umwikorezi. SALEX ikomeza ivuga ko SONARWA izineza ko itari umwikorezi ikaba inafata ubwishingizi kuva kuruganda kugera aho ibicuruzwa bipakirwa.

Page 2

Ku bijyanye n'ubujurire bwa SALEX bwuririye kubwa SONARWA, isaba guhabwa indishyi zo gushorwa mu manza ku maherere, SONARWA yo ikavugaga ko izo ndishyi nta shingiro zifite kuko ikirego yatanze kitagamijwe gukinisha urukiko kubera ko giteganyijwe n'amategeko. Incamake y'icyemezo: 1. Kuba umwishingizi aterekana ko umugurisha yari n'umwikorezi kugira ngo abe yaryozwa ibura ry'ibicuruzwa cyangwa iyangirika nk'umwikorezi hakurikijwe amasezerano umuguzi n'umugurisha bakoranye, umugurisha ntagomba kuryozwa iyangirika cyangwa ibura ry'ibicuruzwa.

2. Kuba umwishingizi yaratsinzwe mu rukiko rubanza, akajurira, byatumye umugurisha agira ibyo atakaza bijyanye no gukurikirana uru rubanza ndetse n'igihembo cya avoka, akaba agomba kubibonera indishyi. Bityo umugurisha ntiyahabwa indishyi asaba zo gushorwa mu manza ku maherere kuko bwari uburenganzira bw'umwishingizi bwo kugana inkiko mu gihe cyose yumvaga ko hari uburenganzira bwayo Ubujurire bw'wareze nta shingiro bufite. Ubujurire bw'warezwe bufite ishingiro kuri bimwe. Imikirize y'urubanza N° RCOM 0202/11/HCC ntihindutse kubijyanye n'amafaranga y'ikurikirana rubanza n'igihembo cy'avoka. Amagarama y'urubanza aherereye kuwareze. Amategeko yashingiweho: Itegeko n° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 9,2°, Itegeko ryo kuwa 30/07/1888 rigenga amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa, ingingo ya 258. Nta manza zifashishijwe:

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA [1] SALEX CORPORATION Ltd isanzwe ifitanye amasezerano y'ubucuruzi na BRALIRWA Ltd kuwa 21/08/1975. Ni muri urwo rwego yahawe isoko na BRALIRWA Ltd ryo kuyigurira isukari mu gihugu cya Zambiya ikayipakira ikayohereza i Gisenyi mu Rwanda. BRALIRWA Ltd nayo ku ruhande rwayo yafashe ubwishingizi bw'iyi sukari muri SONARWA Ltd kugira ngo izishyurwe igihe hagize iyangirika cyangwa ibura. [2] BRALIRWA Ltd yakiriye isukari ariko isanga harimo imifuka imwe n'imwe idahuye n'iyi yaguze kandi yacitse (déchirés et non-conformes) isaba SONARWA Ltd kuyishyura hakurikijwe amasezerano y'ubwishingizi bagiranye. SONARWA Ltd imaze kwishyura, BRALIRWA Ltd nayo yasabye SALEX Corporation Ltd kuyisubiza amafaranga yatanze hakurikijwe ingingo ya 32 y'Itegeko Teka n° 20/75 ryo kuwa 20/06/1975 ku bwishingizi rusange. SALEX Corporation Ltd ivuga ko ntacyo igomba kuryozwa hakurikijwe ubwoko

Page 3

bw'amasezerano yagiranye na BRALIRWA Ltd kuko itari umwikorezi w'ibyo bicuruzwa, ko inshingano zayo zarangiranye no kugeza ibicuruzwa mu cyambu cya Mpulungu/Zambia. [3] SONARWA Ltd yareze SALEX Corporation Ltd mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi isaba gusubizwa amafaranga yatanze yishyura imifuka y'isukari yageze i Gisenyi yacitse. Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwaciye urubanza rwemeza ko ikirego cya SONARWA Ltd kitakiriwe kubera ko cyatanze mu buryo butemewe n'amategeko (Action mal dirigée), rutegeka SONARWA Ltd guha SALEX Corporation Ltd indishyi zingana 1.500.000 Frw no kwishyura amagarama y'urubanza angana na 6.200 Frw. [4] SONARWA Ltd yajuririyeye urubanza mu Rukiko rw'Ikirenga ivuga ko umucamanza yifashishije ibyemezo by'inkiko z'amahanga n'inyandiko z'abahanga mu mategeko mu buryo butari bwo, bigatuma yemeza ko SALEX Corporation Ltd ntacyo yaryozwa, nyamara atari ko bigenda mu gihe hari ibicuruzwa byangiritse, ko umucamanza yirengagije ko SALEX Corporation Ltd yasinze ku nyandiko yagaragazaga ko hari ibicuruzwa byangiritse ibi bikaba byerekana ko yemeraga ko harimo uruhare rwayo, ko kandi kuba impande zombi zaragiranye amasezerano ya Cost and Freight, bidakuraho ko SALEX Corporation Ltd ibazwa ibicuruzwa byangiritse mu itwarwa ryabyo. [5] SALEX Corporation Ltd nayo yatanze ubujurire bwuririye ku bwa SONARWA Ltd isaba guhabwa 3.000.000 Frw kubera gushorwa mu manza ku maherere (téméraire et vexatoire) ariko ko Urukiko rutabihaye agaciro, ko SALEX Corporation Ltd isaba guhabwa 6.000.000 Frw z'indishyi, na 5400 USD zo gushorwa mu manza ku maherere. [6] Iburanisha ry'urubanza ryabereye mu ruhamwe kuwa 06/05/2014, SONARWA Ltd iburanirwa na Me MASUMBUKO Nde Emile, naho SALEX Corporation Ltd iburanirwa na Me MUCYO Donatien. II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO Kumenya niba SALEX Corporation Ltd igomba kuryozwa iyangirika cyangwa ibura ry'ibicuruzwa ryagaragaye mu ipakururwa hakurikijwe amasezerano yagiranye na BRALIRWA Ltd. [7] Me MASUMBUKO Nde Emile avuga ko BRALIRWA Ltd yumvikanye na SALEX Corporation Ltd kuyigurira ibicuruzwa ikanayikorera ubwikorezi kugera i Gisenyi nk'uko biteganyijwe mu masezerano impande zombi zagiranye mu ingingo yayo ya 7, ko kandi buri gihe uko ibicuruzwa byageraga i Gisenyi impande zombi zafatanyaga kubigenzura bakareba niba ibicuruzwa byose byuzuye kandi bihuye n'ibyguzwe,

igihe basanze hari ibitameze neza bigakorerwa inyandiko, ibi kandi akaba ariko byagenze, ariko ko SONARWA Ltd yatunguwe no kubona umucamanza wo mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi yaravuze ko SALEX Corporation Ltd ntacyo yaryozwa mu gihe ibicuruzwa byarangije gupakirwa ku cyambu cya Mpulungu/Zambiya. [8] Akomeza avuga ko abahanga mu mategeko bavuga ko uburyozwe butava k'ugurisha mu gihe bigaragaye ko hari ibicuruzwa yatanze byangiritse cyangwa bidashobora gukoreshwa, ko kandi inshingano ze zidaturuka ku kuba ari ugurisha, ahubwo ko zituruka ku kuba ari

Page 4

umwikorezi, ko iyo umucamanza akomeza gusoma inyandiko z'abahanga yashingiyeho icyemezo cye, yagombaga kubona ko SALEX Corporation Ltd yari ifite inshingano ku bicuruzwa byangiritse kubera ko yasinye ku nyandiko y'igenzura, kuba yaremeye kuyisinyaho ikaba ari uko yemeraga uruhare rwayo, ko n'ubwo inshingano za SALEX Corporation Ltd zari zifite aho zigarukira, hari igihe zashoboraga kongera kubaho mu gihe bigaragaye ko BRALIRWA Ltd yerekanye inenge ku bicuruzwa ishyikirijwe. [9] Asoza avuga ko buri gihe uko habaga igenzura, SALEX Corporation Ltd yahamagarirwaga kurisinyaho, ko kuba atari SALEX Corporation Ltd ubwayo yikoreye ibyo bicuruzwa, ntibivuga ko atari umwikorezi kubera ko nayo yashoboraga gukoresha abandi nk'uko haba za Sous/ traitance, akaba ariyo mpamvu yasinye kuri Vérification zose. [10] Ku bijyanye n'uburyozwe bwa SALEX Corporation Ltd, Me MASUMBUKO yavuze ko BRALIRWA Ltd ariyo yishyuye Transport ariko ibijyanye no kuyitunganya bigakorwa na SALEX Corporation Ltd, ko mu giciro haba harimo n'amafaranga y'ubwikorezi ugurisha akaba ariwe ushaka umwikorezi. [11] Me MUCYO Donatien uburanira SALEX Corporation Ltd avuga ko ubusanzwe BRALIRWA Ltd ikorana na SALEX Corporation Ltd kuva muri 1975 ko kandi uru rubanza ari urwa mbere rukaba rwarabayeho mu rwego rwo kugerageza ngo SONARWA Ltd irebe niba yajya yishyura SALEX Corporation Ltd ibicuruzwa byangiritse mu gihe izi neza ko ntaho ihuriye n'iryo yangirika, ko kandi SONARWA Ltd izi neza ko SALEX Corporation Ltd ari umugurisha atari umwikorezi, ko iki kibazo kiri mu rwego rw'ubwikorezi mpuzamahanga aho ibicuruzwa binyura mu bihugu byinshi akaba ariyo mpamvu umuryango mpuzamahanga w'ubucuruzi washyizeho amategeko ngenderwaho, aho abacuruzi bagirana amasezerano agenga ibyo bagiye gukora. [12] Ku bijyanye n'uru rubanza, Me MUCYO Donatien avuga ko mbere y'uko ibicuruzwa bigurwa, hakorwa Facture proforma ivuga uko ubwikorezi buzagenda impande zombi zikaba zarateganyije ko ari CFR (Cost and Freight) bivuga ko byishyurwa ku cyambu bipakirirwamo n'uburyozwe bukarangirira aho, ko kuri icyo cyambu ariho habera ihererekanya ry'ibicuruzwa, ko umwikorezi ashakwa n'icyambu, ko kandi n'inyandiko z'abahanga SONARWA Ltd yatanze aribyo zivuga, ubwishingizi bukaba bufatwa na BRALIRWA Ltd, SALEX Corporation Ltd ikaba ifata ubwishingizi kuva ku ruganda kugera aho ibicuruzwa bipakirirwa, ko bidashoboka ko umugurisha agira uburyozwe bw'ibyakwangirika mu gihe atari umwikorezi keretse habaye andi masezerano yihariye. [13] Ku bijyanye no kuba SALEX Corporation Ltd yarakoze igenzura, Me MUCYO Donatien avuga ko iryo genzura ryabaye hagati y'umushoferi na BRALIRWA Ltd, ko atari hagati ya SALEX Corporation Ltd na BRALIRWA Ltd uwo mushoferi akaba atarigeze asinya mu mwanya wa SALEX Corporation Ltd kuko atariyo yamutumye, ko aramutse yaranabikoze mu mwanya wa SALEX Corporation Ltd,

yaba ari amakosa kubera ko idakora ibijyanye n'ubwikorezi, ko amasezerano SALEX Corporation Ltd ifitanye na BRALIRWA Ltd ari uko iyo hari umufuka wapfumutse itawakira. [14] Asoza ahamya ko SALEX Corporation Ltd itigeze igira uruhare mu igenzura ry'ibicuruzwa kubera ko itari inazi umwikorezi, ko kuba BRALIRWA Ltd yarishyuye igiciro

Page 5

kirimo n'ubwikorezi, bidatuma SALEX Corporation Ltd igira inshingano kubera amasezerano impande zombi zagiranye ya CFR uretse gusa mu gihe babyumvikana ukundi mu buryo bunyuranye n'icyo CFR ivuga mu rwego rw'ubucuruzi mpuzamahanga. UKO URUKIKO RUBIBONA [15] Urukiko rurasanga mu nyandiko zigize urubanza harimo inyandiko mvugo zo kohereza ibicuruzwa zuzujwe kuwa 09/09/2009 ubwo ibicuruzwa byageraga ku cyambu cya Gisenyi zigashyirwaho umukono na BRALIRWA Ltd nyir'ibicuruzwa, bigaragara ko imodoka imwe harimo imifuka 8 imeze neza ariko ituzuye n'indi 5 yacitse kandi idashobora gukoreshwa naho ku modoka ya kabiri harimo umufuka umwe wacitse kandi utakoreshwa, kuri izi nyandiko-mvugo zose impamvu yatanzwe y'izi nenge zose ikaba ari ugupakirwa nabi. [16] Rurasanga kandi inyandiko ibyakira, yarashyizweho umukono na BRALIRWA Ltd n'abashoferi (EZECHIEL na MUSA), hakaba harimo n'inyandiko yo kuwa 15/09/2009 igaragaza ko nyuma y'iminsi 7 imaze kwakira ibicuruzwa, BRALIRWA Ltd yandikiye SALEX Corporation Ltd iyimenyesha ko mu bicuruzwa habonetsemo imifuka icitse n'indi idashobora gukoreshwa, inayitumira kuza mu igenzura izakoresha kuwa 28/09/2009 mu bubiko bwayo ko kandi nitaza izafatwa nk'aho iryo genzura ryakozwe idahari, iri genzura rikaba ryarakozwe SALEX Corporation Ltd idahari maze umuhanga washyizweho na BRALIRWA Ltd yemeza ko hari imifuka 520 y'isukari yacitse kandi idahuye n'iyaguzwe yasanze mu bubiko. [17] Urukiko rurasanga impande zombi zemeranya ko amasezerano zagiranye yari FOB (Free on board) ku cyambu cya Mpulungu na CFR (Cost and Freight) ku cyambu cya Gisenyi, ibi bivuze ko SALEX Corporation Ltd nk'ugurisha (vendeur), inshingano zayo zarangiriye ku cyambu, ikaba yaragombaga kumenya ibicuruzwa ikanabifatira ubwishingizi kuva ku ruganda kugera ku cyambu cya Mpulungu/Zambia aho byari gupakirirwa, ikanatunganya ibijyanye n'itwarwa ryabyo kuva ku cyambu cya Mpulungu (Zambia) kugera aho bigenewe (Gisenyi), ariko ko ibyakononekara kuva ku cyambu kugera aho bigomba kujya, bitareba umugurisha ahubwo bireba ugura, ibi kandi bikaba ari nabyo bisobanuro bitangwa na „INCOTERMS 2010: ICC OFFICIAL RULES FOR THE INTERPRETATION OF TRADE TERMS“ muri aya magambo: «Cost and Freight» means that the seller delivers when the goods pass the ship's rail in the port of shipment. The seller must pay the costs and freight necessary to bring the goods to the named port of destination BUT the risk of loss of or damage to the goods, as well as any additional costs due to events occurring after the time of delivery, are transferred from the seller to the buyer”. [18] Uru rukiko rukaba rwemeranya n'ibisobanuro byatanzwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi aho rwemeje ko uburyozwe bw'ibyo bicuruzwa bwavuye kuri SALEX Corporation Ltd bukajya kuri BRALIRWA Ltd igihe byari bimaze gupakirwa mu bwato ku cyambu cya Mpulungu (Zambia) hakurikijwe amasezerano impande zombi zagiranye mu kugura ibyo bicuruzwa FOB (Free on Board) ku cyambu cya Mpulungu na CFR (Cost and Freight) i Gisenyi,. [19] Urukiko rurasanga SONARWA Ltd itarabashije kuvuguruza ibisobanuro byatanzwe n'Urukiko

Rukuru rw'Ubucuruzi cyangwa ngo yerekane ko BRALIRWA Ltd na SALEX Corporation Ltd haba hari andi amasezerano bagiranye ateganya izindi nshingano za SALEX

Page 6

Corporation Ltd nyuma y'uko ibicuruzwa bimaze kugera mu bwato biva Mpulungu kugera Gisenyi. [20] Urukiko rurasanga kandi ibyo SONARWA Ltd ivuga ko SALEX Corporation Ltd yasinyanye na BRALIRWA Ltd inyandiko yakira ibicuruzwa nta shingiro bifite, kubera ko nta kimenyetso itanga kigaragaza ko abashoferi babizanye bakaba ari nabo basinye kuri izo nyandiko, bari abakozi bayo (SALEX Corporation Ltd), cyangwa ko bari batumwe nayo, bakaba kandi batarigeze basinya mu mwanya wa SALEX Corporation Ltd nk'uko bigaragara kuri izo nyandiko, ndetse abo bashoferi bakaba barayikuyeho amakosa ubwo bemezaga ko ibicuruzwa byangiritse mu ipakirwa ryabyo ku cyambu, bigaragaza ko byageze ku cyambu cya Mpulungu ari bizima. [21] Urukiko, rushingiye ku ngingo ya 9,2° y'itegeko n° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu rurasanga nk'uko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwabyemeje, ndetse no muri uru rukiko, SONARWA Ltd itarashoboye kwerekana ko SALEX Corporation Ltd, uretse kuba umugurisha yari n'umwikorezi kugira ngo ibe yaryozwa ibura ry'ibicuruzwa cyangwa iyangirika nk'umwikorezi, bityo, rukaba rusanga umucamanza wo mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi nta kosa yakoze yemeza ko hakurikijwe amasezerano BRALIRWA Ltd na SALEX Corporation Ltd bagiranye, SALEX Corporation Ltd itagomba kuryozwa iyangirika cyangwa ibura ry'ibicuruzwa bya BRALIRWA Ltd hakurikijwe ibyateganywaga n'ingingo ya 33 CCLIII yakoreshwaga ubwo amasezerano yakorwaga. [22] Hakurikijwe ibimaze kuvugwa haruguru, ubujurire bwa SONARWA bugamije gusaba indishyi SALEX Corporation Ltd nta shingiro bufite. Ku bijyanye n'ubujurire bwa SALEX Corporation Ltd bwuririye kubwa SONARWA SA. [23] SALEX Corporation Ltd mu myanzuro yayo ivuga ko mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi yasabye guhabwa 3.000.000 Frw kubera gushorwa mu manza ku maherere (téméraire et vexatoire) ariko ko urwo rukiko rutabihaye agaciro, ko SALEX Corporation Ltd isaba guhabwa 6.000.000 Frw z'indishyi, na 5400 USD zo gushorwa mu manza ku maherere. [24] Me MASUMBUKO Nde Emile avuga ko ikirego SONARWA S.A. yatanze kitagamije gukinisha urukiko kubera ko giteganyijwe n'amategeko, ko rero kitagomba gufatwa nko gushora SALEX Corporation Ltd mu manza ku maherere (téméraire et vexatoire), bityo indishyi SALEX Corporation Ltd Ltd isaba akaba abona nta shingiro zifite. UKO URUKIKO RUBIBONA [25] Ingingo ya 258 CCLIII iteganya ko „igikorwa cyose cy'umuntu cyangirije undi, gitegeka nyiri ugukora ikosa rigikomokaho kuriha ibyangiritse“. Iyo ngingo iteganya ko « urega agomba kugaragaza ibimenyetso by'ibyo aregera. Iyo abibuze, uwarezwe aratsinda”.

Page 7

[26] Urukiko rurasanga mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, SALEX Corporation Ltd yarahawe 1.500.000 Frw y'indishyi akubiyemo indishyi z'akababaro, ay'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka, imbere y'Urukiko rw'Ikirenga, ikavuga ko ayo mafaranga ari make akwiye kongerwa. [27] Urukiko rurasanga indishyi z'akababaro SALEX Corporation Ltd isaba

zingana na 6.000.000 Frw nta bimenyetso iyatangira uretse kuyavuga gusa, ariko kuba SONARWA S.A. yaratsinzwe mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ikajurira, byatumye SALEX Corporation Ltd igira ibyo itakaza bijyanye no gukurikirana uru rubanza ndetse n'igihembo cya avoka, ikaba igomba kubibonera indishyi ariko ikaba igenewe 1.000.000 Frw yiyongera kuyo yagenewe mu rwego rwa mbere kubera ko ayo isaba ari ikirenga. [28] Ku byerekeye indishyi zingana na 5400 USD SALEX Corporation Ltd isaba zo gushorwa mu manza ku maherere, Urukiko rurasanga ntazo yahabwa kuko bwari uburenganzira bwa SONARWA S.A. bwo kugana inkiko mu gihe cyose yumvaga ko hari uburenganzira bwayo yavukijwe. III. ICYEMEZO CY'URUKIKO [29] Rwemeje ko ubujurire bwa SONARWA S.A. nta shingiro bufite; [30] Rwemeje ko ubujurire bwa SALEX Corporation Ltd bwuririye ku bwa SONARWA S.A. bufite ishingiro kuri bimwe; [31] Rwemeje ko imikirize y'urubanza n° RCOM 0202/11/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi idahindutse ku bijyanye n'amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'avoka; [32] Rutegetse SONARWA S.A. guha SALEX Corporation Ltd 1.000.000 Frw yiyongera kuri 1.500.000 Frw yaciwe mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi yose hamwe akaba 2.500.000 Frw; [33] Rutegetse SONARWA S.A. gutanga amagarama y'urubanza angana na 15.000 Frw habariwemo n'ayo mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi.

“Something else. This is the last level of quote.”

Page 8

[34] Example of bullet lists: – First level bullet: • Second level bullet: - Third level bullet: o Fourth level bullet: + Fifth level bullet. [35] Example of numbered list: 1. First level numbering: a. Second level numbering: i. Third level numbering: A. Fourth level numbering: I. Fifth level numbeing. Unknown type of title [36] If the style of a paragraph is not clear. In case an unknown type of paragraph is indented.

Source & reproduction note

Judgment wording, source notices and original paragraph numbers are retained. Esheria supplies the layout and this PDF's page numbers; these are not the source pagination. This is a research copy, not an official or certified court document. Check quotations, citations and publication restrictions against the original source before relying on it.

ORIGINAL SOURCE <https://www.amategeko.gov.rw/view/doc/7544/7816>

CASE PAGE <https://chat.esheria.ai/case-law/rwanda/sonarwa-ltd-v-salex-corporation-ltd-liabilityfordamagedgoods-supreme-court-2014>

Prepared on 13 October 2026 · Esheria